CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# UBUTUMWA ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA BAGENEYE ABAKRISTU MURI IKI GIHE CYA COVID-19

Bakristu Bavandimwe, turasingiza Imana Yo itarahwemye kutugaragariza urukundo rwayo mu bihe byose cyane cyane mu bibabaje. Muri aya mezi atatu tumaze tutabasha guhura kubera icyorezo cya Covid-19 cyibasiye isi yose, Nyagasani Yezu yakomeje kutubera amizero no kutwizeza ko dushonje duhishiwe ingabire nyinshi.

Nk'uko twakunze kubibagezaho kandi, dufashe uyu mwanya ngo twongere tubashimire uburyo mwitwaye muri ibi bihe bikomeye : mwahugukiye isengesho risangiwe mu rugo, mwitwararitse kwita ku batishoboye mubana no gutabarana hagati yanyu, mbese mwagaragaje koko urukundo mufitiye Imana na bagenzi banyu. Dushimiye ku buryo bw'umwihariko Caritas Rwanda, Caritas z'amadiyosezi n'amaparuwasi hamwe n'abantu bose bagize umutima wo kugoboka ababaye. Mwarihanganye cyane nk'uko bikwiye abigishwa beza ba Kristu kandi twese twaronse ingabire zinyuranye n'amasomo akomeza kuduherekeza mu rugendo rw'ukwemera. Mwumve rwose ko ineza nk'iyo ngiyo ishyigikiwe na benshi.

Twishimiye kandi kubagezaho indamutso ya Papa Fransisiko. Papa arazirikana imvune n'akababaro k'abatuye isi bose ariko by'umwihariko akumva inzara n'inyota mufitiye amasakramentu cyane cyane Ukaristiya Ntagatifu. Natwe hamwe na we turabahumurije kandi turabashishikariza gukomeza gusenga no kugaragarizanya urukundo ruzira kwirara.

Turashima kandi inzego z'igihugu zibishinzwe uburyo zita ku buzima bwa buri wese. Kuri urwo rwego, twishimiye ko gushyingira gikristu no gushyingura abitabye Imana bishoboka hubahirijwe amabwiriza yose ajyanye no kwirinda Covid-19.

Mu ntangiriro z'iki cyumweru dusoje, ubuyobozi bukuru bw'igihugu bwadushishikarije « *gukomeza gushyiraho ingamba zo gukumira no kwirinda Covid-19, mu rwego rwo kwitegura kuba insengero zafungurwa mu minsi 15 iri imbere, hashingiwe ku bizava mu isesengura ry'inzego z'ubuzima.* »[1] Turabasaba dukomeje gukoresha neza iyi minsi yo kwitegura twahawe. Koko rero, uko tugira uruhare mu gukumira kiriya cyorezo, ni ko twongera umutekano w'ubuzima bwa buri wese n'amahirwe yo kongera guterana mu mutuzo. Ingamba twafashe muzazigezwaho bidatinze maze muzigire izanyu tubashe gushyigikirana mu kwemera dusangiye.

[1] *Itangazo ry'ibyemezo by'inama y'abaminisitiri yo ku wa 16/06/2020*, p.2

+ [handwritten initials]

Kubera nyine iki cyorezo byabaye ngombwa ko Papa yimurira ihuriro mpuzamahanga ry'Ukaristiya mu mwaka utaha wa 2021. No mu gihugu cyacu, twiyemeje gushyira ihuriro ry'Ukaristiya : « ***Isoko y'ubuzima, impuhwe n'ubwiyunge*** » mu mwaka utaha. Mu rwego rwa diyosezi izaba guhera ku wa 3 kugeza ku wa 6 Kamena 2021, naho mu rwego rw'igihugu rizabera i Kigali guhera ku itariki ya 15 kugeza ku ya 18 Nyakanga 2021.

Tubahaye umugisha wa kibyeyi

Bikorewe i Kigali, ku wa 19 Kamena 2020

+ Rukamba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C E P R
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda